<p>7° abangamira inyungu za CHUK;</p> <p>8° atacyujuje impamvu zashingiweho ashwirwa muri uwo mwanya;</p> <p>9° apfuye.</p> <p>Iyo umwe mu bagize Inama y’Ubuyobozi ya CHUK avuye mu mwanya mbere y’uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura, akarangiza manda y’uwo asimbuye.</p> <p><u>Ingingo ya 15:</u> Kumenyekanisha ugize Inama y’Ubuyobozi ugiye kurangiza manda</p> <p>Iyo hari ugize Inama y’Ubuyobozi ya CHUK ugiye kurangiza manda, Umuyobozi Mukuru wa CHUK abimenyeshya mu nyandiko Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano, hasigaye nibura iminsi mirongo icyenda (90) ngo manda irangire.</p>	<p>7° he or she jeopardises the interests of CHUK;</p> <p>8° he or she no longer fulfils the requirements considered at the time of his or her appointment;</p> <p>9° he or she dies.</p> <p>In case a member of the Board of Directors of CHUK ceases to be a member before the expiration of his or her term of office, the competent authority appoints his or her substitute to complete his or her predecessor’s term of office.</p> <p><u>Article 15:</u> Notification of a member of the Board of Directors whose term of office is about to expire</p> <p>In case there is a member of the Board of Directors of CHUK whose term of office is about to expire, the Director General of CHUK notifies thereof in writing the Ministry in charge of health, at least ninety (90) days before the expiry of the term of office.</p>	<p>7° il compromet les intérêts de CHUK;</p> <p>8° il ne remplit plus les conditions sur la base desquelles il avait été nommé;</p> <p>9° il décède.</p> <p>Lorsqu’un membre du Conseil d’Administration de CHUK cesse d’être membre avant l’expiration de son mandat, l’autorité compétente nomme son remplaçant pour terminer le mandat de son prédécesseur.</p> <p><u>Article 15:</u> Notification d’un membre du Conseil d’Administration dont le mandat est sur le point d’expirer</p> <p>Lorsqu’il y a un membre du Conseil d’Administration de CHUK dont le mandat est sur le point d’expirer, le Directeur Général de CHUK le notifie par écrit au Ministère ayant la santé dans ses attributions, au moins quatre-vingt-dix (90) jours avant la fin du mandat.</p>
--	---	--

<p>Ingingo ya 16: Itumizwa n’iterana by’inama y’Inama y’Ubuyobozi n’ifatwa ry’ibyemezo</p>	<p>Article 16: Convening and holding of meeting of the Board of Directors and decision-making</p>	<p>Article 16: Convocation et tenue de la réunion du Conseil d’Administration et prise de décisions</p>
<p>Inama y’Inama y’Ubuyobozi ya CHUK iterana rimwe mu gihembwe n’igihe cyose bibaye ngombwa, itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy’abayigize.</p>	<p>The meeting of the Board of Directors of CHUK is held once a quarter and whenever necessary, upon invitation by its Chairperson or Vice-Chairperson in case of absence of its Chairperson, at their own initiative or upon request in writing by at least one third (1/3) of its members.</p>	<p>La réunion du Conseil d’Administration de CHUK se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou de son Vice-Président en cas d’absence du Président, de leur propre initiative ou à la demande écrite par un tiers (1/3) au moins de ses membres.</p>
<p>Ubutumire na gahunda y’inama bikorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y’Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n’itanu (15) ngo inama iterane.</p>	<p>The invitation and the agenda of the meeting are submitted in writing to the members of the Board of Directors at least fifteen (15) days before the meeting is held.</p>	<p>L’invitation et l’ordre du jour sont adressés par écrit aux membres du Conseil d’Administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.</p>
<p>Buri gihembwe, Inama y’Ubuyobozi ya CHUK isuzuma kandi raporo y’imari n’iy’ibikorwa zerekeranye n’igihembwe kirangiye kandi ikazishyikiriza Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano.</p>	<p>In every quarter, the Board of Directors of CHUK examines also the financial and activity reports relating to the previous quarter and submits them to the Ministry in charge of health.</p>	<p>Chaque trimestre, le Conseil d’Administration de CHUK examine également le rapport financier et celui d’activités relatifs au trimestre précédent et les soumet au Ministère ayant la santé dans ses attributions.</p>
<p>Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu (3) kugira ngo iterane.</p>	<p>However, an extraordinary meeting is convened in writing at least three (3) days before the meeting is held.</p>	<p>Toutefois, la réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois (3) jours avant la tenue de la réunion.</p>
<p>Mu byigwa n’Inama y’Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy’umwaka, harimo kwemeza raporo y’imari n’iy’ibikorwa by’umwaka urangiye.</p>	<p>Items to be considered by the Board of Directors in the first quarter of the year include the approval of the financial and activity reports of the previous year.</p>	<p>Sur les points à examiner par le Conseil d’Administration au cours du premier trimestre, figure l’approbation du rapport</p>

<p>Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y’Inama y’Ubuyobozi iterane ni bibiri bya gatatu (2/3).</p> <p>Umuyobozi Mukuru wa CHUK yitabira inama z’Inama y’Ubuyobozi.</p> <p>Uburyo Inama y’Ubuyobozi ifatamo ibyemezo buteganywa n’amategeko ngenyamikorere ya CHUK.</p> <p><u>Ingingo ya 17: Itumira ry’undi muntu mu nama y’Inama y’Ubuyobozi ushobora kuyungura inama</u></p> <p>Inama y’Ubuyobozi ya CHUK ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w’ibyigwa.</p> <p>Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry’izindi ngingo ziri ku murongo w’ibyigwa.</p>	<p>The quorum for a meeting of the Board of Directors is two thirds (2/3) of its members.</p> <p>The Director General of CHUK attends meetings of the Board of Directors.</p> <p>Modalities for decision-making by the Board of Directors are determined by internal rules and regulations of CHUK.</p> <p><u>Article 17: Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors</u></p> <p>The Board of Directors of CHUK may invite in its meeting any person from whom it may seek advice on a certain item on the agenda.</p> <p>The invited person is neither allowed to vote nor to follow debates on other items on the agenda.</p>	<p>financier et du rapport d’activités de l’année précédente.</p> <p>Le quorum de la réunion du Conseil d’Administration est de deux tiers (2/3) de ses membres.</p> <p>Le Directeur Général de CHUK participe aux réunions du Conseil d’Administration.</p> <p>Les modalités de prise de décisions par le Conseil d’Administration sont déterminées par le règlement d’ordre intérieur de CHUK.</p> <p><u>Article 17: Invitation d’une personne ressource à la réunion du Conseil d’Administration</u></p> <p>Le Conseil d’Administration de CHUK peut inviter à sa réunion toute personne dont il peut obtenir des conseils sur un point quelconque à l’ordre du jour.</p> <p>La personne invitée n’est autorisée ni à voter ni à suivre les débats sur d’autres points à l’ordre du jour.</p>
--	---	---

<p>Ingingo ya 18: Iyemezwa ry'ibyemezo n'iry'inyandikomvugo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi</p> <p>Ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya CHUK bishyirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yabyo ikoherezwa Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano mu gihe kitarenze iminsi itanu (5).</p> <p>Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya CHUK ishyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yohererezwa Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) guhera umunsi yemerejweho.</p>	<p>Article 18: Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors</p> <p>Resolutions of the meeting of the Board of Directors of CHUK are signed by its members immediately after the end of the meeting, and a copy thereof is sent to the Ministry in charge of health within five (5) days.</p> <p>The minutes of the meeting of the Board of Directors of CHUK are signed by the Chairperson and its rapporteur and approved during the next meeting. A copy of minutes of the meeting is sent to the Ministry in charge of health within fifteen (15) days from the date of approval.</p>	<p>Article 18: Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration</p> <p>Les résolutions du Conseil d'Administration de CHUK sont signées par ses membres immédiatement après la séance de la réunion et leur copie est transmise au Ministère ayant la santé dans ses attributions endéans cinq (5) jours.</p> <p>Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration de CHUK est signé par le Président et son rapporteur et approuvé à la séance suivante. Une copie du procès-verbal est transmise au Ministère ayant la santé dans ses attributions endéans quinze (15) jours à partir de la date de son approbation.</p>
<p>Ingingo ya 19: Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi</p> <p>Umuyobozi Mukuru wa CHUK ni we mwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi ariko igihe cyo gufata ibyemezo we ntatora.</p> <p>Umuyobozi Mukuru wa CHUK ntiyitabira inama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba. icyo gihe abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama bitoramo umwanditsi.</p>	<p>Article 19: Rapporteur of the meeting of the Board of Directors</p> <p>The Director General of CHUK serves as the rapporteur of the meeting of the Board of Directors but he or she has no right to vote in decision making.</p> <p>The Director General of CHUK does not participate in the meetings that make decisions on issues that concern him or her. In that case, members of the Board of</p>	<p>Article 19: Rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration</p> <p>Le Directeur Général de CHUK est le rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration mais il n'a pas le droit de voter lors de la prise de décisions.</p> <p>Le Directeur Général de CHUK ne participe pas aux réunions qui prennent des décisions qui le concernent. Dans ce cas, les membres du Conseil d'Administration présents à la réunion élisent parmi eux un rapporteur.</p>

<p><u>Ingingo va 20: Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa</u></p> <p>Iyo uri mu bagize Inama y’Ubuyobozi ya CHUK afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa, amenyesha bidatinze Inama y’Ubuyobozi, aho iyo nyungu ishingiyeye.</p> <p>Ugize Inama y’Ubuyobozi wamenyesheje inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo.</p> <p>Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y’Ubuyobozi bafite inyungu itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bigomba gusuzumwa ku buryo bidashoboka kubifataho ibyemezo, ibyo bibazo bishyikirizwa Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano ikabifataho icyemezo mu gihe cy’iminsi mirongo itatu (30).</p>	<p>Directors present at the meeting elect among themselves a rapporteur.</p> <p><u>Article 20: Personal interest in issues on the agenda</u></p> <p>A member of the Board of Directors of CHUK who has a direct or indirect interest in the issue to be considered informs immediately the Board of Directors about where that interest lies.</p> <p>A member of the Board of Directors who disclosed his or her interest in the issue to be considered cannot attend the meeting deliberating on that issue.</p> <p>When it happens that many or all members of the Board of Directors have a direct or indirect interest in the issues to be considered in such a way that it is impossible to take decision on the issues, the issues are submitted to the Ministry in charge of health to decide thereon within thirty (30) days.</p>	<p><u>Article 20: Intérêt personnel dans les points à l’ordre du jour</u></p> <p>Un membre du Conseil d’Administration de CHUK qui a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner informe immédiatement le Conseil d’Administration où cet intérêt repose.</p> <p>Un membre du Conseil d’Administration qui a révélé son intérêt dans un point à examiner ne participe pas à la réunion qui examine ce sujet.</p> <p>Lorsqu’il apparaît que beaucoup ou tous les membres du Conseil d’Administration ont un intérêt direct ou indirect dans des points à examiner de sorte que la prise de décision sur ces points devienne impossible, ces points sont soumis au Ministère ayant la santé dans ses attributions pour décision endéans trente (30) jours.</p>
--	--	--

<p>Icyiciro cya 2: Urwego Nshingwabikorwa</p> <p><u>Ingingo va 21:</u> Abagize Urwego Nshingwabikorwa</p> <p>Urwego Nshingwabikorwa rwa CHUK rugizwe n'Umuyobozi Mukuru n'Umuyobozi Mukuru Wungirije.</p> <p><u>Ingingo va 22:</u> Inshingano z'inyongera z'Urwego Nshingwabikorwa</p> <p>Haseguriwe ibiteganywa n'Itegeko Ngengarishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, Urwego Nshingwabikorwa rwa CHUK rufite inshingano z'inyongera zikurikira:</p> <p>1° gukurikirana no guhuza ibikorwa bya buri muni bya CHUK;</p> <p>2° gukora indi nshingano yose ijyanye n'inshingano za CHUK rwahabwa n'Inama y'Umuyobozi.</p> <p><u>Ingingo va 23:</u> Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru</p> <p>Umuyobozi Mukuru wa CHUK afite ububasha bwo gufata ibyemezo mu micungire y'abakozi n'umutungo bya</p>	<p><u>Section 2: Executive Organ</u></p> <p><u>Article 21:</u> Composition of Executive Organ</p> <p>The Executive Organ of CHUK is composed of the Director General and the Deputy Director General.</p> <p><u>Article 22:</u> Additional responsibilities of the Executive Organ</p> <p>Subject to the provisions of Organic Law establishing general provisions governing public institutions, the Executive Organ of CHUK has the following additional responsibilities:</p> <p>1° to monitor and coordinate daily activities of CHUK;</p> <p>2° to perform any other duty falling within the responsibilities of CHUK as may be assigned by the Board of Directors.</p> <p><u>Article 23:</u> Powers and duties of the Director General</p> <p>The Director General of CHUK has the power of decision making in the administrative and financial management</p>	<p><u>Section 2: Organe Exécutif</u></p> <p><u>Article 21:</u> Composition de l'Organe Exécutif</p> <p>L'Organe Exécutif de CHUK est composé du Directeur Général et du Directeur Général Adjoint.</p> <p><u>Article 22:</u> Attributions additionnelles de l'Organe Exécutif</p> <p>Sous réserve des dispositions de la Loi Organique portant dispositions générales régissant les établissements publics, l'Organe Exécutif de CHUK a les attributions additionnelles-suivantes:</p> <p>1° assurer le suivi et la coordination des activités quotidiennes de CHUK;</p> <p>2° effectuer toute autre tâche relevant des attributions de CHUK que le Conseil d'Administration peut lui confier.</p> <p><u>Article 23:</u> Pouvoirs et attributions du Directeur Général</p> <p>Le Directeur Général de CHUK dispose du pouvoir de la prise des décisions dans la gestion administrative et financière du</p>
--	--	---

Official Gazette n° 19 Bis of 09/05/2022

<p>CHUK akurikije amategeko abigenga. Ahuza kandi akayobora ibikorwa bya CHUK.</p> <p>By'umwihariko, Umuyobozi Mukuru ashinzwe ibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° guhagararira CHUK imbere y'amategeko no kumenyekanisha ibikorwa byayo; 2° kuba umuvugizi wa CHUK; 3° gukurikirana ko abakozi bo mu buvuzi babigize umwuga bavura muri CHUK bigisha abanyeshuri n'abimenyereza umwuga; 4° gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere ya CHUK; 5° gutegura no gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi umushinga wa gahunda y'ibikorwa n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari izakoreshwa mu mwaka ukurikira na raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka ushize; 	<p>of CHUK in accordance with relevant laws. He or she coordinates and directs the activities of CHUK.</p> <p>Specifically, the Director General has the following duties:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° to serve as the legal representative of CHUK and publicise its activities; 2° to serve as the spokesperson of CHUK; 3° to ensure that health professionals working at CHUK actively participate in the training of students and trainees; 4° to prepare the draft internal rules and regulations of CHUK; 5° to prepare and submit to the Board of Directors a draft action plan and a budget proposal for the following fiscal year as well as the report on the execution of the budget of the previous fiscal year; 	<p>CHUK conformément à la législation en la matière. Il coordonne et dirige les activités de CHUK.</p> <p>En particulier, le Directeur Général a les attributions suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° être le représentant légal de CHUK et faire connaître ses activités; 2° servir de porte-parole de CHUK; 3° assurer que les professionnels de santé travaillant au CHUK participent activement à la formation des étudiants et des stagiaires; 4° préparer le projet de règlement d'ordre intérieur de CHUK; 5° élaborer et transmettre au Conseil d'Administration le projet du plan d'action et l'avant-projet de budget pour l'exercice suivant, ainsi que le rapport d'exécution du budget de l'exercice précédent;
--	--	--

<p>6° kugeza raporo y'ibikorwa bya CHUK ku Nama y'Ubuyobozi nibura rimwe mu gihembwe;</p> <p>7° kwemeza gahunda y'umwaka y'itangwa ry'amasoko;</p> <p>8° gushyira mu bikorwa ingengo y'imari no gucunga umutungo wa CHUK no gutanga raporo yabyo ku Nama y'Ubuyobozi;</p> <p>9° gukora indi nshingano yose ijyanye n'inshingano za CHUK yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi.</p>	<p>6° to submit to the Board of Directors the activity report of CHUK at least once a quarter;</p> <p>7° to approve the annual procurement plan;</p> <p>8° to ensure the execution of the budget and management of the property of CHUK and submit related report to the Board of Directors;</p> <p>9° to perform any other duty falling within the responsibilities of CHUK as may be assigned by the Board of Directors.</p>	<p>6° transmettre au Conseil d'Administration le rapport d'activités de CHUK au moins une fois par trimestre;</p> <p>7° approuver le plan annuel de passation des marchés;</p> <p>8° assurer l'exécution du budget et la gestion du patrimoine de CHUK et soumettre un rapport y relatif au Conseil d'Administration;</p> <p>9° accomplir toute autre tâche relevant des attributions de CHUK que le Conseil d'Administration peut lui confier.</p>
<p><u>Ingingo va 24: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru Wungirije</u></p> <p>Umuyobozi Mukuru Wungirije wa CHUK afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° kunganira Umuyobozi Mukuru no kumusimbura igihe adahari;</p> <p>2° gukora undi murimo wose yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi uri mu nshingano za CHUK.</p>	<p><u>Article 24: Duties of the Deputy Director General</u></p> <p>The Deputy Director General of CHUK has the following duties:</p> <p>1° to assist the Director General and replace him or her in case of absence;</p> <p>2° to perform any other duty falling within the responsibilities of CHUK as may be assigned by the Board of Directors.</p>	<p><u>Article 24: Attributions du Directeur Général Adjoint</u></p> <p>Le Directeur Général Adjoint de CHUK a les attributions suivantes:</p> <p>1° assister le Directeur Général et le remplacer en cas d'absence;</p> <p>2° effectuer toute autre tâche relevant des attributions de CHUK que le Conseil d'Administration peut lui confier.</p>

UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N'IMARI	CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCE	CHAPITRE IV: PATRIMOINE ET FINANCES
<u>Ingingo ya 25:</u> Umutungo n'inkomoko yawo	<u>Article 25:</u> Property and its sources	<u>Article 25:</u> Patrimoine et ses sources
Umutungo wa CHUK ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.	The property of CHUK is comprised of movable and immovable assets.	Le patrimoine de CHUK est composé de biens meubles et immeubles.
Umutungo wa CHUK ukomoka kuri ibi bikurikira:	The property of CHUK derives from the following sources:	Le patrimoine de CHUK provient des sources suivantes:
1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;	1° State budget allocations;	1° les allocations budgétaires de l'État;
2° inkunga z'abafatanyabikorwa;	2° partners' subsidies;	2° les subventions des partenaires;
3° ibituruka ku mirimo ikora;	3° income from services rendered;	3° les revenus provenant des services fournis;
4° inyungu zikomoka ku mutungo wayo;	4° interests from its property;	4° les intérêts de son patrimoine;
5° inguzanyo zihabwa CHUK zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano;	5° loans granted to CHUK as approved by the Minister in charge of finance;	5° les prêts accordés au CHUK approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions;
6° impano n'indagano;	6° donations and bequests;	6° les dons et les legs;
7° umutungo wari uw''Ikigo cy'Ubuwuzi cyigisha cya Kaminuza cyashyizweho n'Itegeko n° 91bis/2013 ryo ku wa 22/01/2014 rishyiraho Ikigo cy'Ubuwuzi	7° property that were belonging to University Teaching Hospital established by Law n° 91bis/2013 of 22/01/2014 establishing the University Teaching Hospital	7° le patrimoine qui appartenait au Centre Hospitalier d'Enseignement Universitaire créé par la Loi n° 91bis/2013 du 22/01/2014 portant création du Centre Hospitalier

<p>cyigisha cya Kaminuza (CHU), rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, wakoreshwaga n'ibitaro bya Kaminuza bya Kigali (CHUK).</p>	<p>(CHU) and determining its mission, organisation and functioning, used by the University Teaching Hospital of Kigali (CHUK).</p>	<p>d'Enseignement Universitaire (CHU) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement, utilisé par l'Hôpital Universitaire de Kigali (CHUK).</p>
<p><u>Ingingo ya 26: Ingenzo y'imari</u></p>	<p><u>Article 26: Budget</u></p>	<p><u>Article 26: Budget</u></p>
<p>CHUK itegura ingenzo y'imari yayo ya buri mwaka, ikemezwa n'urwego rubifitiye ububasha.</p>	<p>CHUK prepares its annual budget to be adopted by the relevant authority.</p>	<p>CHUK prépare son budget annuel qui est approuvé par l'autorité compétente.</p>
<p><u>Ingingo ya 27: Raporo y'umwaka w'ibaruramari</u></p>	<p><u>Article 27: Annual financial report</u></p>	<p><u>Article 27: Rapport annuel des états financiers</u></p>
<p>Mu gihe kitarenze amezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, CHUK ishyikiriza Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.</p>	<p>Within three (3) months following the closure of the financial year, CHUK submits the annual financial report to the Ministry in charge of health after its approval by the Board of Directors in accordance with laws governing management of State finance and property.</p>	<p>Endéans trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice financier, CHUK soumet au Ministère ayant la santé dans ses attributions le rapport annuel des états financiers après son approbation par le Conseil d'Administration conformément aux lois régissant les finances et le patrimoine de l'État.</p>
<p><u>UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u></p>	<p><u>CHAPTER V: MISCELLENEOUS AND FINAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya 28: Kwegurirwa abakozi</u></p>	<p><u>Article 28: Transfer of employees</u></p>	<p><u>Article 28: Transfert du personnel</u></p>
<p>Abakozi b'Ikigo cy'Ubuwuzi cyigisha cya Kaminuza cyashizweho n'Itegeko n° 91bis/2013 ryo ku wa 22/01/2014 rishyiraho Ikigo cy'Ubuwuzi cyigisha cya</p>	<p>Employees of the University Teaching Hospital established by Law n° 91bis/2013 of 22/01/2014 establishing the University Teaching Hospital (CHU) and determining</p>	<p>Les employés du Centre Hospitalier d'Enseignement Universitaire créé par la Loi n° 91bis/2013 du 22/01/2014 portant création du Centre Hospitalier</p>

<p>Kaminuza (CHU), rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, bakoreraga ku Bitaro bya Kaminuza bya Kigali (CHUK), beguriwe CHUK ishyizweho n'iri teka hashingiwe ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo yayo.</p> <p><u>Ingingo ya 29:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</p> <p>Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Ubuzima na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.</p> <p><u>Ingingo ya 30:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</p> <p>Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 31:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>its mission, organisation and functioning, who were assigned to the University Teaching Hospital of Kigali (CHUK), are transferred to CHUK established by this Order in accordance with its organisational structure.</p> <p><u>Article 29:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</p> <p>The Prime Minister, the Minister of Public Service and Labour, the Minister of Health and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.</p> <p><u>Article 30:</u> Repealing provision</p> <p>All prior provisions contrary to this Order are repealed.</p> <p><u>Article 31:</u> Commencement</p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>d'Enseignement Universitaire (CHU) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement, qui étaient affectés à l'Hôpital Universitaire de Kigali (CHUK), sont transférés au CHUK créé par le présent arrêté conformément à sa structure organisationnelle.</p> <p><u>Article 29:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</p> <p>Le Premier Ministre, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le Ministre de la Santé et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.</p> <p><u>Article 30:</u> Disposition abrogatoire</p> <p>Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.</p> <p><u>Article 31:</u> Entrée en vigueur</p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	---	---

Kigali, 06/05/2022

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

Official Gazette n° 19 Bis of 09/05/2022